**REPUBULIKA Y'U RWANDA**
**MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,**
**UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE**
**B.P. 1044 KIGALI**
**Tél. : 8 35 27**
**Fax : (250) 8 35 18.**

Kigali, ku wa

N°................/..............

Kuri Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe
**KIGALI**.

**Impamvu**: Gusaba uruhushya
rw'intumwa z'u Rwanda
zizajya mu Nteko Rusange
ya 29 ya UNESCO (21/10/1997
kugeza 12/11/1997.
(29è Session de la Conférence
Générale de l'UNESCO).

Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe,

Mu minsi ya vuba aha (21/10-12/11/1997), harateganywa Inama y'Inteko Rusange ya 29 ya UNESCO.

Ibihugu byose kandi bigize UNESCO biyitumirwamo. Niyo mpamvu n'u Rwanda rukwiye gutegura intumwa zarwo muri iriya Nteko y'ingirakamaro.

Ubundi iyo nama itegurwa n'Akanama k'Igihugu gakorana na UNESCO mu Rwanda (Commission Nationale Rwandaise pour l'UNESCO).

Ubuyobozi ako Kanama kahoze karimo ubu burabarizwa muri Minisiteri nyobora. Ni Ubuyobozi bw'Umuco n'Ubugeni. Icyakora Ubunyamabanga bwako Kanama bwagombaga kwimurirwa muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, nkuko byagaragaye mu myanzuro y'inama y'Abaminisitiri yo ku wa 15/5/1997, ariko imyanzuro ikaba itarashyirwa mu bikorwa.

Turasanga Minisiteri zose zifite aho zihuriye na UNESCO (Ishami ry'Umuryango w'Abibumbye ryita k'Uburezi, Ubuhanga n'Umuco) zikwiye kuzagira uzazihagararira muri za "Commissions" (z'iriya Nteko) kugira ngo hatagira Minisiteri iyi n'iyi iryamirwa mu nyungu z'igihugu.

Komisiyo y'Umuco y'iriya Nteko igizwe n'ibihugu 185 nayo rero igomba guhagararirwa n'intumwa ya Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo, kuko umuco ugira mu nshingano zawo :

1) Kubera byose iremezo, maze ukabiha ireme
2) Kwubaka
3) Guhanga.

Ni nayo mpamvu ku mugereka w'iyi nyandiko, dutanze umushinga w'ijambo u Rwanda rwaserukana muri iriya NTEKO. Na none intumwa z'u Rwanda zose zizarisuzumira hamwe.

Muri iriya Nteko kandi, Minisiteri nyobora, inashinzwe urubyiruko, yagombye na none kugira undi uyihagararira kubera impamvu ziza kugaragara ku mugereka w'iyi nyandiko.

Abo twifuza ko bahagararira Minisiteri tuyobora ni Bwana KABANDANA Mariko : Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri, Bwana MUKIMBIRI Yohani : Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni. Uyu yabaye (1994-1995) Umunyamabanga wa ka Kanama k'Igihugu gakorana na UNESCO, nyuma aba Umuyobozi wako kuko kari mu Buyobozi bw'Umuco n'Ubugeni kugeza muri Werurwe 1997, aho Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda ivugururiwe.

Turumwa, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, ari ngombwa rwose ko Minisiteri ishinzwe urubyiruko n'umuco yahagararirwa muri iriya Nteko.

Kubera gahunda y'ingendo z'indege na gahunda ya za Komisiyo z'iriya NTEKO, Bwana Mariko KABANDANA yagenda itariki 20/10 akagaruka itariki ya 1/11/1997, nawe Bwana Yohani MUKIMBIRI yagenda itariki ya 1/10/1997 akagaruka itariki 15/11/1997.

Ni ngombwa kandi ko intumwa z'u Rwanda zihabwa na Perezindansi ya Repubulika cyangwa Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga urupapuro rw'ububasha busesuye "PLEINS POUVOIRS" kuko ariko bihora bigenda mu NTEKO nka ziriya.

Tuboneyeho kandi kwibutsa ko umu"candidat" u Rwanda rushaka gutoza muri "Conseil Exécutif UNESCO" atagira amahirwe umwenda u Rwanda rufitiye UNESCO utabanje kurihwa.

Mbaye nshimye, Nyakubahwa Minisitiri w'Intebe, uburyo bwiza muzakirana uruhushya dusabira intumwa zacu muri iriya Nteko ya 29 ya UNESCO.

Mugire amahoro n'amahirwe.

**Dr. Yakobo BIHOZAGARA**
Minisitiri w'Urubyiruko, Siporo, Umuco
no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**Bimenyeshejwe** :

- Nyakubahwa Perezida wa Repubulika
  y'u Rwanda
  **KIGALI**.

- Nyakubahwa Visi-Perezida wa Repubulika
  akaba na Minisitiri w'Ingabo
  **KIGALI**.

- Minisitiri w'Uburezi
  **KIGALI**.

- Minisitiri w'Itangazamakuru
  **KIGALI**.

- Ubunyamabanga bw'Akanama
  k'Igihugu gakorana na UNESCO
  (Secrétariat de la Commission Nationale
  Rwandaise pour l'UNESCO
  **KIGALI.**

REPUBULIKA Y'U RWANDA
MINISITERI Y'URUBYIRUKO, SIPORO,
UMUCO NO KWIGISHA IMYUGA ICIRIRITSE
B.P. 1044 KIGALI
Tél. : 8 35 27
Fax : (250) 8 35 18.

# INYANDIKO-NYIBUTSA ( MEMORANDUM) YEREKERANYE N'INTEKO RUSANGE YA 29 YA UNESCO (21/10/97-12/11/97)

## 1. URWEGO RW'IYO NTEKO RUSANGE YA UNESCO (Conférence Générale).

Kuva itariki ya 21/10/1997, kugeza itariki 12/11/1997, Inteko Rusange ya 29 ya UNESCO izaterana.

Inteko Rusange ya UNESCO iterana buri myaka ibiri. Igateraniramo ibihugu byose bigize UNESCO, ubu bigeze kw'185 Hazaba kandi hari Imiryango Mpuzamahanga ihagarariwe igera kuri 200.

Inteko Rusange ya UNESCO :

Iteraniramo izo ntumwa zose, maze :
- igafata umurongo udakuka wa politiki ya UNESCO mu myaka ibiri izakurikira
- itora abagize urwego nshingwabikorwa (Comité Exécutif)
- itora abagize inzego zose zegamiye kuri UNESCO (Comités et Conseils Intergouvernementaux)
- ishinga gahunda y'ibizakorwa mu myaka ibiri ikurikira
- itora buri myaka itandatu Umuyobozi Mukuru wa UNESCO.

## 2. INYUNGU Y'U RWANDA MURI IRIYA NTEKO RUSANGE

Muri ruriya rugaga rw'amahanga agizwe n'ibihugu 185 n'imiryango hafi 200, u Rwanda :

- ruzafatanya na biriya bihugu n'iriya miryango gushinga umurongo umwe wa politiki UNESCO izagenderaho mu myaka ibiri ikurikira (1998-1999).

- ruzamamaza umu "candidat" w'u Rwanda muri "Conseil Exécutif " ariwe Karoli MURIGANDE, ruhe n'amajwi abitoza bo mu nshuti z'igihugu cyacu.
- rwanitoza mu nzego za UNESCO tubona zagirira akamaro igihugu cyacu,

- ruzahamagarira ibihugu kwumva ko "Plan d'Action ya UNESCO mu Rwanda ya 1996-1997 itashyizwe mu bikorwa yose birtyo ko ikwiye gukomeza.

- ruzahamenyera umu "candidat" bavugaho kuzasimbura Federico MAYOR kuko we agiye gucyura igihe.

- ruzahajyana imishinga ifite amahirwe ibone inkunga ya UNESCO.

**3) INTUMWA ZAHAGARARIRA U RWANDA**

Turabona intumwa zahagararira u Rwanda muri iriya Nteko Rusange zaba :

- Umwe mu ba Minisitiri bafite imwe mu nshingano za UNESCO (Uburezi, Ubuhanga, Umuco, Itangazamakuru) cyangwa se Bwana Karoli MURIGANDE, Umuyobozi wa Kaminuza y'u Rwanda, akaba ari n'umu "Candidat" w'u Rwanda muri iriya "Conseil Exécutif ya UNESCO"

- Abahagarariye u Rwanda muri "Commissions" z'uburezi, ubuhanga, umuco n'itangazamakuru. Aho haboneka iteka umwe umwe.

- Muri Commission y'umuco, turabona hajya Bwana MUKIMBIRI Yohani,Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni kubera impamvu zikurikira :

* Yabaye Umunyamabanga w'Akanama k'Igihugu gakorana na UNESCO (1994-1995).

* Yabaye Umuyobozi w'ako Kanama (1995-1997)

-> Ni muri urwo rwego ari we wagiye mu Nteko ya 28 ya UNESCO, mu kwa 10-11/1995.
-> yahagarariye u Rwanda mu nama za UNESCO

- mu kwa gatandatu 1995 : muri ROUMANIE : Congrès Mondial des Associations, Centres et Clubs UNESCO sur la Culture de la Paix. 1-5/6/1995.

- mu kwa cumi 1995 : TROYES/France : Rencontre Informelle des Secrétaires Généraux des Commissions Nationales UNESCO de France + Pays Africains francophones et lusophones.

- mu kwa karindwi 1995 : i Seychelles : Conférence Régionale des Commissions Nationales Africaines pour l'UNESCO (24-28/7/1995).
- mu kwa gatandatu 1996 : i OSLO/Norvège : I ère Conférence Internationale UNESCO sur "MEMOIRE DU MONDE". 1-5/6/96.
- mu kwa kane 1997 : Mukono/Uganda : "Culture, development and poverty eradication". 2-5/4/1997.

* Ni we wateguye umushinga wa PLAN D'ACTION UNESCO-RWANDA, ubu uwo mushinga uriho urashyirwa mu bikorwa.

- Niwe ukurikirana umushinga "Etude Comparative sur le génocide/Comparative study on genocide) uri hagati ya UNESCO, Arménie, Israël n'u Rwanda. Muri iyo nama rero, uwo mushinga uzanozwa n'intumwa za UNESCO, Arménie, Israël na Yohani MUKIMBIRI. Ku mugereka w'iyi nyandiko, turagaragaza ibimenyetso by'uko UNESCO na Arménie byakiriye neza uriya mushinga. N'uwo mushinga ubwawo turawugaragaza.

- Mu ntumwa z'u Rwanda kandi, hagenda n'uhagarariye urubyiruko kuko UNESCO yise urubyiruko "Groupe cible prioritaire/Priority Group". Uhagarariye urubyiruko yaba Bwana KABANDANA Mariko, Umunyamabanga Mukuru muri Minisiteri tuyobora. Uyu turabina abishoboye kubera ko yabaye :

* Umuyobozi w'Urubyiruko (1994-1995)
* Umuyobozi mu Biro bya Minisitiri w'Urubyiruko n'Amashyirahamwe (1995-1996).

Nawe yabonanira muri iriya NTEKO n'Abayobozi ba Fédération Mondiale des Associations, Centres et Clubs UNESCO (F.M.A.C.U.) bariho bategura INGANDO z'urubyiruko rw'Abanyafurika ba << CLUBS-UNESCO>> yo mu cyi 1998. Iyo

ngando izabera mu RWANDA nkuko twabisabye. Yanatanga kandi ibitekerezo ku murongo UNESCO yakurikiza muri politiki y'Urubyiruko.

## 4) GAHUNDA Y'URUGENDO RW'INTUMWA Z'U RWANDA.

Duhereye kuri gahunda y'INTEKO, na gahunda y'indege, intumwa ya mbere yagenda kuri 20/10/1997 ikagaruka ku ya 1/11/1997 kuko aribwo hazaba hari << DEBAT DE POLITIQUE GENERALE >>. Iyo ntumwa yaba Mariko KABANDANA.

Intumwa ya kabiri ariyo Yohani MUKIMBIRI yagenda italiki ya 1/11/1997 ikagaruka kuri 15/11/1997. Ku mugereka w'uru rupapuro UNESCO iragaragaza gahunda y'inama.

**Bwana KABANDANA Mariko**

Umunyamabanga Mukuru wa
Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga Iciriritse.

**Bwana MUKIMBIRI Yohani**

Umuyobozi w'Umuco n'Ubugeni
muri Minisiteri y'Urubyiruko, Siporo,
Umuco no Kwigisha Imyuga
Iciriritse.

**REPUBLIQUE RWANDAISE**
**MINISTERE DE LA JEUNESSE,**
**DES SPORTS, DE LA CULTURE ET DE**
**DE LA FORMATION PROFESSIONNELLE**
**(MIJESCAFOP)**
**B.P. 1044 KIGALI**
**TEL : 8 35 27**
**FAX : (250) 8 3518.**

**Kigali, le** 9/9/97

**N°**1069/.21.00

A Monsieur le Secrétaire Général a.i
de la Commission Nationale
Rwandaise pour l'UNESCO
(C.N.R.U.)
**KIGALI**.

**OBJET** : Intégration du Secrétaire Général du MIJESCAFOP dans délégation rwandaise à la 29è Session de la Conférence Générale de l'UNESCO.

Monsieur le Secrétaire Général,

Suite au message téléphonique reçu de DAKAR ce 22/8/1997, de la part de Monsieur NGAKOUTOU Thimotée, Spécialiste en Sciences Humaines à l'UNESCO, je viens proposer l'intégration d'un haut cadre du Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle dans la délégation prévue ou pressentie pour représenter le Rwanda à la 29è Session de la Conférence Générale de l'UNESCO (Octobre-Novembre 97).

Le message rappelle que "la Jeunesse est un Groupe Cible Prioritaire" pour la Stratégie à Moyen Terme de l'UNESCO qui court de 1996 à 2001. Le Document de Programme et de Budget pour le biennum 1998-99 en fait état lui-même. La nécessité s'impose d'intégrer un haut cadre technique chargé de la Jeunesse dans la délégation pour des raisons d'évidence.

Je propose à votre bonne intention Monsieur Marc KABANDANA, Secrétaire Général au Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle, en présumant l'accueil favorable de la proposition par mon Ministre qui est absent pour l'heure.

Pour la motivation du candidat dans la délégation, je me permets d'invoquer quelques éléments utiles de son curriculum vitae :

- 1994-1995 : Directeur de la Jeunesse
- 1995-1996 : Directeur du Cabinet du Ministre
- 1997 : Secrétaire Général au Ministère de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle.

Le rapport de mission n° 1555/ 09.02/03/00 du 08 février 1996 rédigé après la 28è Session de la Conférence Générale de l'UNESCO, montre combien Monsieur NGAKOUTOU a prêté main forte pour aboutir au succès de la délégation rwandaise. Tel projet suggéré par lui a été effectivement mis en oeuvre pendant le biennum. C'est dire que sa suggestion est à priori de bon aloi. Le Ministre de tutelle de la C.N.R.U. sera donc fondé en intégrant l'intéressé dans la délégation, complétant ainsi mes récentes propositions avec vous.

En vous en souhaitant bonne réception, je vous prie d'agréer, Monsieur le Secrétaire Général, l'expression renouvelé de ma réelle considération.

**Jean MUKIMBIRI**
Directeur de la Culture et des Arts,
Président a.i. de la C.N.R.U.

MUKIMBIRI Jean
Directeur Culture & Arts
MIJESCAFOP

**Copie pour information** :

- Monsieur le Ministre de la Jeunesse, des Sports, de la Culture et de la Formation Professionnelle
  **KIGALI**.
- Monsieur le Secrétaire Général au MIJESCAFOP.